

AMATEGEKO SHINGIRO AGENGA
UMURYANGO USHINGIYE KU
MYEMERERE "MISSIONNAIRES DE
NOTRE-DAME DES ANGES AU
RWANDA" (MNDARWANDA)

STATUTES GOVERNING THE
FAITH – BASED ORGANIZATION
« MISSIONNAIRES DE NOTRE – DAME
DES ANGES AU RWANDA » (MNDARWANDA)

STATUTS REGISSANT
L'ORGANISATION FONDEE SUR LA
FOI « MISSIONNAIRES DE NOTRE -
DAME DES ANGES AU RWANDA »
(MNDARWANDA)

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: IZINA,
INKOMOKO N'IGIHE UMURYANGO
UZAMARA

CHAPTER ONE 1: DENOMINATION
AFFILIATION AND DURATION OF THE
ORGANIZATION

CHAPITRE PREMIER :
DENOMINATION AFFILIATION ET
DUREE DE L'ORGANISATION

Ingingo ya mbere: Izina

Article one: Denomination

Article premier: Dénomination

Ingingo ya 2: Umuryango MNDARwanda
ishamikiyeho

Article 2: MNDARwanda affiliate
organization

Article 2: Organisation d'affiliation du
MNDARwanda

Ingingo ya 3: icyicaro

Article 3: Head office

Article 3: Siège social

Ingingo ya 4: Igihe MNDARwanda izamara

Article 4: Duration of MNDARwanda

Article 4: Durée du MNDARwanda

UMUTWE WA II: INTEGO, IBIKORWA,
AHO BIZAKORERWA
N'ABAGENERWABIKORWA

CHAPTER II: MISSION, ACTIVITIES,
IMPLEMENTATION AREA AND
BENEFICIARIES

CHAPITRE II: MISSION, ACTIVITES,
LIEU D'EXECUTION ET
BÉNÉFICIAIRES

Ingingo ya 5: Intego n'ibikorwa bya MNDARwanda

Article 5: Mission and activities of MNDARwanda

Article 5: Mission et activités de MNDARwanda

omwakorema

[Signature]

西本 桂子

[Signature] Laurence

<u>Ingingo ya 6:</u> Ifasi y'ibikorwa bya MNDARwanda	<u>Article 6:</u> Area of operation of MNDARwanda	<u>Article 6:</u> Lieu d'intervention du MNDARWANDA
<u>Ingingo ya 7:</u> Abagenerwabikorwa	<u>Article 7:</u> Beneficiaries	<u>Article 7:</u> Bénéficiaires
UMUTWE WA III: KWEMERERWA NO GUTAKAZA UBUNYAMURYANGO BWA MNDARWANDA	CHAPTER III: ACQUISITION AND LOSS OF MEMBERSHIP TO MNDARWANDA	CHAPITRE III: ACQUISITION ET PERTE DE LA QUALITE DE MEMBRE DU MNDARWANDA
<u>Ingingo ya 8:</u> Kwemererwa kuba umunyamuryango	<u>Article 8:</u> Acquisition of quality of member	<u>Article 8:</u> Acquisition de la qualité de membre
<u>Ingingo ya 9:</u> Umubare w'abannyamuryango ba MNDARwanda	<u>Article 9:</u> Number of members of MNDARwanda	<u>Article 9:</u> Nombre de membres du MNDARwanda
<u>Ingingo ya 10:</u> Gutakaza ubunyamuryango	<u>Article 10:</u> Loss of membership	<u>Article 10:</u> Perte de la qualité de membre
UMUTWE WA IV: IMITERERE , INSHINGANO N'IMIKORERE BY'INZEGO ZA MNDARWANDA	CHAPTER IV: STRUCTURE, RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF ORGANS OF MNDARWANDA	CHAPITRE IV: STRUCTURE, ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DES ORGANS DU MNDARWANDA
<u>Iciviro cya mbere:</u> Inzego z'ubuyobozi za MNDARwanda	<u>Section one:</u> Administrative organs of MNDARwanda	<u>Section première:</u> Organes administratifs du MNDARwanda

Imakoreme *Aminda*: 西本桂子 *Laurena*

<u>Ingingo ya 11</u> : Inzego za MNDA Rwanda	<u>Article 11</u> : Organs of MNDA Rwanda	<u>Article 11</u> : Organes du MNDA Rwanda
<u>Icyiciro cya 2</u> : Inshingano n'imikorere by'inzego za MNDA Rwanda	<u>Section 2</u> : Responsibilities and functioning of organs of MNDA Rwanda	<u>Section 2</u> : Attributions et fonctionnement des organes du MNDA Rwanda
<u>Akiciro ka mbere</u> : Inteko rusange	<u>Sub-section one</u> : General Assembly	<u>Sous-section première</u> : Assemblée générale
<u>Ingingo ya 12</u> : Inteko rusange n'inshingano zayo	<u>Article 12</u> : General Assembly and its responsibilities	<u>Article 12</u> : Assemblée générale et ses attributions
<u>Ingingo ya 13</u> : Inama isanzwe y'Inteko rusange	<u>Article 13</u> : Ordinary meeting of the General Assembly	<u>Article 13</u> : Réunion ordinaire de l'Assemblée générale
<u>Ingingo ya 14</u> : Inama idasanzwe y'Inteko rusange	<u>Article 14</u> : Extraordinary meeting of the General Assembly	<u>Article 14</u> : Réunion extraordinaire de l'Assemblée générale
<u>Akiciro ka 2</u> : Komite nyobozi	<u>Sub-section 2</u> : Executive Committee	<u>Sous-section 2</u> : Comité exécutif
<u>Ingingo ya 15</u> : Abagize komite nyobozi n'imikorere yayo	<u>Article 15</u> : Composition of the Executive Committee and its functioning	<u>Article 15</u> : Composition du Comité exécutif et son fonctionnement
<u>Ingingo ya 16</u> : Inshingano za komite nyobozi	<u>Article 16</u> : Responsibilities of the Executive Committee	<u>Article 16</u> : Attributions du Comité exécutif
<u>Ingingo ya 17</u> : Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize komite nyobozi	<u>Article 17</u> : Criteria to be member of the Executive Committee	<u>Article 17</u> : Critères d'acquisition de la qualité de membre du Comité exécutif

Omwakomari : 西本桂子 —  Laurence.

<u>Ingingo ya 18:</u> Impamvu zituma umuntu atakaza kuba umwe mu bagize komite nyobozi	<u>Article 18:</u> Reasons for loss of membership of the Executive Committee	<u>Article 18 :</u> Motifs pour perdre la qualité de membre du Comité exécutif
<u>Akiciro ka 3:</u> Komite y'ubugenzuzi bw'imari n'umugenzuzi wo hanze	<u>Sub-section 3:</u> Financial audit committee and external auditor	<u>Sous-section 3 :</u> Comité d'audit financier et auditeur externe
<u>Ingingo ya 19:</u> Komite y'ubugenzuzi bw'imari	<u>Article 19:</u> Financial audit committee	<u>Article 19 :</u> Comité d'audit financier
<u>Ingingo ya 20:</u> Umugenzuzi wo hanze	<u>Article 20:</u> External auditor	<u>Article 20 :</u> Auditeur externe
<u>Akiciro ka 4:</u> Komite ishinzwe gukemura amakimbirane n'uburyo ikoresha	<u>Sub-section 4:</u> Conflict resolution Committee and applied mechanisms	<u>Sous-section 4:</u> Comité de résolution des conflits et mécanismes appliqués
<u>Ingingo ya 21 :</u> Komite ishinzwe gukemura amakimbirane	<u>Article 21:</u> Conflict Resolution Committee	<u>Article 21 :</u> Comité de résolution des conflits
<u>Ingingo ya 22:</u> Uburyo bwo gukemura amakimbirane	<u>Article 22:</u> Conflict resolution mechanisms	<u>Article 22:</u> Mécanismes de résolution des conflits
<u>UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA MNDA RWANDA</u>	<u>CHAPTER V: PROPERTY OF MNDA RWANDA</u>	<u>CHAPITRE V : PATRIMOINE DU MNDA RWANDA</u>
<u>Ingingo ya 23:</u> Umutungo wa MNDA Rwanda n'inkomoko yawo	<u>Article 23:</u> Property of MNDA Rwanda and its sources	<u>Article 23:</u> Patrimoine du MNDA Rwanda et ses sources

Onwaken : 西本桂子  

UMUTWE WA VI: ISESWA RYA MNDA RWANDA N' AHO UMUTUNGO WAYO UJYA

CHAPTER VI: DISSOLUTION OF MNDA RWANDA AND DISPOSAL OF ITS PROPERTY

CHAPITRE VI : DISSOLUTION DU MNDA RWANDA ET AFFECTATION DE SON PATRIMOINE

Ingingo ya 24: Iseswa rya MNDA Rwanda

Article 24: Dissolution of the MNDA Rwanda

Article 24 : Dissolution du MNDA Rwanda

Ingingo ya 25: Aho umutungo ujya

Article 25: Disposal of property

Article 25: Affectation du patrimoine

UMUTWE WA VII: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

CHAPTER VII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES

Ingingo ya 26: Ihindurwa ry'amategeko shingiro

Article 26: Amendments to the Statutes

Article 26 : Modifications des statuts

Ingingo ya 27: Agaciro k'ibyakozwe

Article 27: Validity of taken actions

Article 27 : Validité des actes posés

Ingingo ya 28: Ivanwaho ry'amategeko shingiro abanziriza aya

Article 28: Repealing provision

Article 28 : Disposition abrogatoire

Ingingo ya 29: Gutangira gukurikizwa

Article 29: Entry into force

Article 29 : Entrée en vigueur



Owakena

[Signature]

西本 桂子

[Signature] *Paurena*

**AMATEGEKO SHINGIRO AGENGA
UMURYANGO USHINGIYEKU
MYEMERERE“MISSIONNAIRES DE
NOTRE-DAME DES ANGES AU
RWANDA” (MNDA RWANDA)**

**STATUTES GOVERNING THE
FAITH BASED ORGANIZATION
“MISSIONNAIRES DE NOTRE - DAME
DES ANGES AU RWANDA” (MNDA
RWANDA)**

**STATUTS REGISSANT
L'ORGANISATION FONDEE SUR LA
FOI « MISSIONNAIRES DE NOTRE -
DAME DES ANGES AU RWANDA »
(MNDA RWANDA)**

**Twebwe, abashyize umukono kuri aya
mategeko shingiro;**

We, the undersigned of these statutes;

Nous, les soussignées des présents statuts;

Dushingiye ku itegeko N° 72/2018 ryo ku wa
31/08/2018 rigena imitunganyirize n'imikorere
by'imiryango ishingiyeye ku myemerere ;

Pursuant to Law N°72/2018 of 31/08/2018
determining the organization and functioning of
faith-based organizations;

Vu la Loi N°72/2018 du 31/08/2018 portant
organisation et fonctionnement des
organisations fondées sur la foi ;

Dushingiye ku Iteka rya Minisitiri N°45/11 ryo
ku wa 09/04/2008, riha ubuzima gatozi
umuryango w'Ababikira “Missionnaires de
Notre-Dame des Anges” (MNDA) kandi
ryemera abavugizi bawo, ryatangajwe mu
Igazeti ya Leta n°10 bis yo ku wa 15/05/2008;

Considering the Ministerial Order n°45/11 of
09/04/2008 granting legal status to the
association “Missionary Sisters of our Lady
of the Angels (MNDA)” and approving its
legal representatives, published in Official
Gazette N° 10 bis of 15/05/2008;

Considérant l'Arrêté Ministériel N° 45/11 du
09/04/2008, accordant la personnalité civile à
l'association “Soeurs Missionnaires de Notre-
Dame des Anges” et portant agrément de ses
Représentantes Légales, publié dans le
Journal Officiel N° 10 bis du 15/05/2008;

Dusubiye ku mategeko shingiro y'umuryango
ushingiyeye ku idini “Missionnaires de Notre-
Dame des Anges » (M.N.D.A) yemerejwe i
Huye ku wa 6 Werurwe 2013;

Having reviewed the Statutes of the religious-
based organization «Missionnaires de Notre-
Dame des Anges »(M.N.D.A) adopted in Huye
on 6th March 2013;

Revu les statuts régissant l'organisation
fondée sur la religion « Missionnaires de
Notre-Dame des Anges »(M.N.D.A) adoptés
à Huye le 6 Mars 2013;

amashuri

[Signature]

西本桂子

[Signature]

Laurence

Twemeje kandi dushyizeho amategeko shingiro agenga umuryango ushingiye ku myemerere “Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda” (MNDA Rwanda) akurikira:

Approved and adopt the statutes governing the faith-based organization “Missionnaires de Notre- Dame des Anges au Rwanda”(MNDA Rwanda) as follows:

Avons approuvé et adoptons les statuts régissant l'organisation fondée sur la foi « Missionnaires de Notre -Dame des Anges au Rwanda» (MNDA Rwanda) dont la teneur suit :

UMUTWE WA MBERE: IZINA, INKOMOKO N'IGIHE UMURYANGO UZAMARA

CHAPTER ONE 1: DENOMINATION AFFILIATION AND DURATION OF THE ORGANIZATION

CHAPITRE PREMIER : DENOMINATION AFFILIATION ET DUREE DE L'ORGANISATION

Ingingo ya mbere: Izina

Article one: Denomination

Article premier: Dénomination

Hashyizweho umuryango ushingiye ku myemerere witwa “Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda», (MNDA Rwanda) mu magambo ahinnye y’ururimi rw’Igifaransa.

It is established a faith-based organization named “Missionnaires de Notre-Dame des Anges», abbreviated as (MNDA Rwanda) in French language.

Il est créé une organisation fondée sur la foi dénommée « Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda»(MNDA Rwanda) en abrégé en Français.

Ingingo ya 2: Umuryango MNDA Rwanda ishamikiyeho

Article 2: MNDA Rwanda affiliate organization

Article 2: Organisation d'affiliation du MNDA Rwanda

MNDA RWANDA ishamikiye kuri Diyoseze gatulika ya Butare.

The MNDA Rwanda is affiliated to the catholic Diocese of Butare.

Le MNDA Rwanda est affilié au Diocèse catholique de Butare.

Onwabu : 西本桂子  *Lawrence*

Ingingo ya 3: icyicaro

Icyicaro cy'Umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» gishyizwe mu Mudugudu wa Buye, Akagari ka Butare, Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, Intara y'Amajyepfo, B.P.63 Huye.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo, MNDA Rwanda ishobora kwimurira icyicaro ahandi hantu muri Repubulika y'u Rwanda, ku cyemezo gifatiwe mu nama rusange na bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bitabiriye inama.

Article 3: Head office

The head office of the « Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» is established in the village of Buye, Butare Cell, Ngoma sector, Huye District, Southern province, P.B.63 Huye.

Without prejudice to provisions of Paragraph one of this Article, the MNDA Rwanda may move its head office to any other place of the Republic of Rwanda, upon decision taken in the general assembly, with a two third (2/3) majority of its present members.

Article 3: Siège social

Le siège social des « Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» est établi dans le village de Buye, Cellule de Butare, Secteur de Ngoma, District de Huye, Province du Sud, B.P.63 Huye.

Sans prejudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, le MNDA Rwanda peut transférer son siège social en tout autre endroit de la République du Rwanda sur la décision de l'Assemblée Générale à la majorité des deux tiers (2/3) de ses membres présents.

**Ingingo ya 4: Igihe MNDA Rwanda izamara**

Umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» ushyizweho kugeza igihe kitazwi.

Article 4: Duration of MNDA Rwanda

The organization «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» is established for an unspecified duration.

Article 4: Durée du MNDA Rwanda

L'organisation des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» est créé pour une durée indéterminée.

UMUTWE WA II: INTEGO, IBIKORWA, AHO BIZAKORERWA N'ABAGENERWABIKORWA**CHAPTER II: MISSION, ACTIVITIES, IMPLEMENTATION AREA AND BENEFICIARIES****CHAPITRE II: MISSION, ACTIVITES, LIEU D'EXECUTION ET BÉNÉFICIAIRES****Ingingo ya 5: Intego n'ibikorwa bya MNDA Rwanda****Article 5: Mission and activities of MNDA Rwanda****Article 5: Mission et activités de MNDA Rwanda**

Owamburwa : 西本桂子  *Laurence*

Intego nkuru y'umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» ni ugukangurira abagenerwabikorwa bayo iterambere mu bya roho no mu by'ubukungu.	The organization «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» overall mission is to promote spiritual and economic development of its beneficiaries.	L'organisation des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» a pour mission principale de promouvoir le développement spirituel et économique des bénéficiaires.
Kugira ngo ishobore kugera ku ntego yayo, MNDA Rwanda ikora ibikorwa bikurikira :	To achieve its mission, the MNDA Rwanda performs the following activities:	Pour atteindre sa mission, le MNDA Rwanda mène les activités suivantes :
1° amahugurwa, uburezi no guharanira amahoro ;	1° training, education and promotion of peace;	1° formation, éducation et promotion de la paix ;
2° gufasha abanyamuryango kubana kugira ngo bashobore kugera ku ntego yayo;	2° building up the communal life of its members to remain strong for the achievement of its mission;	2° structuration de la vie en commun de ses membres en vue de maintenir la force pour mener à bien sa mission;
3° gushyigikira ibikorwa by'ubwoko bwose bw'imirimo ya gitumwa, iy'urukundo, n'imibereho myiza ijyanye n'intego yayo.	3° supporting every kind of spiritual, charitable and social activities in conformity with its mission.	3° soutien de tout genre d'activités spirituelles, caritatives et sociales en rapport avec sa mission.
<u>Ingingo ya 6: Ifasi y'ibikorwa bya MNDA Rwanda</u>	<u>Article 6: Area of operation of MNDA Rwanda</u>	<u>Article 6 : Lieu d'intervention du MNDA RWANDA</u>
Umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» ukorera ku butaka bwose bwa Repubulika y'u Rwanda.	The organization «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» carries out its activities in the whole territory of the Republic of Rwanda.	L'organisation des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» exerce ses activités sur toute l'étendue du territoire de la République du Rwanda.

onwemam



西本桂子



Ingingo ya 7: Abagenerwabikorwa

Ibikorwa bya MNDA Rwanda bigenerwa abantu bose nta vangura rishingiye ku byiciro byabo by'imibereho, ubukungu, cyangwa imyizerere, bakeneye guhabwa serivisi za MNDA Rwanda no kugira uruhare mu guteza imbere intego yayo.

Article 7: Beneficiaries

The activities of the MNDA Rwanda are offered to all people without distinction based on social, economic or religious classes, who desire to benefit from the services of MNDA Rwanda and positively contribute to its mission.

Article 7: Bénéficiaires

Les activités du MNDA Rwanda sont offertes à toute personne sans distinction de classe sociale, économique ou religieuse, désirant bénéficier des services du MNDA Rwanda et contribuer positivement à sa mission.

UMUTWE WA III: KWEMERERWA NO GUTAKAZA UBUNYAMURYANGO BWA MNDA RWANDA**CHAPTER III: ACQUISITION AND LOSS OF MEMBERSHIP TO MNDA RWANDA****CHAPITRE III: ACQUISITION ET PERTE DE LA QUALITE DE MEMBRE DU MNDA RWANDA****Ingingo ya 8: Kwemererwa kuba umunyamuryango**

Umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» ugizwe n'abanyamuryango shingiro bashyize umukono kuri aya mategeko shingiro, kimwe n'abandi banyamuryango bakoherezwa nyuma mu Rwanda n'umuryango mpuzamahanga «Missionnaires de Notre-Dame des Anges».

Article 8 : Acquisition of quality of member

The organization «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» is composed of effective members' signatories of these statutes and other members afterwards appointed in Rwanda by «Missionnaires de Notre-Dame des Anges» international organization.


Article 8 : Acquisition de la qualité de membre

L'organisation des « Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» est composée par les membres effectifs signataires des présents statuts et d'autres membres ultérieurement nommés au Rwanda par l'organisation internationale des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges».

Uburyo ubunyamuryango buvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo bwemerwa bugengwa n'amategeko ngengamikorere ya MNDA Rwanda.

The modalities of admission to the membership referred to in Paragraph 2 of this Article are determined by internal rules and regulations of MNDA Rwanda.

Les modalités d'admission de la qualité de membre visée à l'alinéa deux du présent article sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur du MNDA Rwanda.

Amwakeremwe : 西本桂子

Ingingo ya 9: Umubare w'abanyamuryango ba MND Rwanda

MNDA Rwanda igizwe n'umubare w'abanyamuryango utagenwe, ariko udashobora kuja muni y'abantu batanu (5).

Urutonde rw'abanyamuryango bose ba MND Rwanda rukorwa buri mwaka rugashyikirizwa ubuyobozi bubifitiye ububasha ruherekejwe na raporo y'umwaka.

Ingingo ya 10: Gutakaza ubunyamuryango

Gutakaza ubunyamuryango ntibishobora kubaho bitemejwe n'ubwiganze bwa bibili bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bitabiriye inama y'Inteko rusange.

Umunyamuryango atakaza ubunyamuryango iyo:

1° asezeye ku bushake mu nyandiko ashyikiriza uhagarariye MNDA Rwanda mu rwego rw'amategeko ;

2° atakiba mu Rwanda;

Article 9 : Number of members of MNDA Rwanda

The number of members of MNDA Rwanda is unlimited, but can never be less than five (5).

The list of all members of MNDA Rwanda is annually updated and transmitted with the annual report to the competent authority.

Article 10 : Loss of membership

The loss of membership cannot be pronounced unless approved by the two third (2/3) majority of members present in a meeting of the General Assembly.

A member loses her membership if:

1° she presents her resignation letter to the legal representative of MNDA Rwanda;

2° she no longer lives in Rwanda;

Article 9: Nombre de membres du MNDA Rwanda

Les membres du MNDA Rwanda sont d'un nombre illimité mais qui ne peut jamais être inférieur à cinq (5).

La liste de tous les membres du MNDA Rwanda est tenue à jour annuellement et transmise avec le rapport annuel à l'autorité compétente.

Article 10 : Perte de la qualité de membre

La perte de la qualité de membre ne peut être prononcée qu'à la majorité des deux tiers (2/3) des membres présents à la réunion de l'Assemblée Générale.

Le membre perd la qualité de membre si :

1° elle présente sa démission écrite à la Représentante légale du MNDA Rwanda;

2° elle ne vit plus au Rwanda;

onakuru

Amah

西本 桂子

HA

Pauline

3° atangiye ibikorwa bitabangikanywa n'ibya MNDARwanda.

3° she is engaged in activities incompatible with those of MNDARwanda.

3° elle s'engage dans des activités incompatibles avec les activités du MNDARwanda.

UMUTWE WA IV: IMITERERE, INSHINGANO N'IMIKORERE BY'INZEGO ZA MNDARWANDA

CHAPTER IV : STRUCTURE, RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF ORGANS OF MNDARWANDA

CHAPITRE IV : STRUCTURE, ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DU MNDARWANDA

Icyiciro cya mbere : Inzego z'ubuyobozi za MNDARwanda

Section one: Administrative organs of MNDARwanda

Section première : Organes administratifs du MNDARwanda

Ingingo ya 11: Inzego za MNDARwanda

Article 11 : Organs of MNDARwanda

Article 11 : Organes du MNDARwanda

Umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» ugizwe n'inzego zikurikira:

The organization «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» is composed of the following organs:

L'organisation des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» est composée d'organes suivants :

1° Inteko rusange;

1° the General Assembly

1° l'Assemblée Générale ;

2° Komite nyobozi

2° the executive committee

2° le Comité exécutif ;

3° Komite y'ubugenzuzi bw'imari;

3° the financial audit Committee

3° le Comité d'audit financier ;

4° Komite ishinzwe gukemura amakimbirane.

4° the Conflicts resolution committee

4° le Comité de résolution des conflits

Onwaka : 西本 桂子    Laurence.

Iciviro cya 2 : Inshingano n'imikorere by'inzego za MNDA Rwanda

Section 2: Responsibilities and functioning of organs of MNDA Rwanda

Section 2: Attributions et fonctionnement des organes du MNDA Rwanda

Akiciro ka mbere : Inteko rusange

Sub-section one: General Assembly

Sous-section première: Assemblée générale

Ingingo ya 12: Inteko rusange n'inshingano zayo

Article 12: General Assembly and its responsibilities

Article 12: Assemblée générale et ses attributions

Inteko rusange nirwo rwego rw'ikirenga rwa MNDA Rwanda. Igizwe n'abanyamuryango bose.

The General Assembly is the supreme organ of MNDA Rwanda. It is composed of all members.

L'Assemblée générale est l'organe suprême du MNDA Rwanda. Elle est composée de tous les membres.

Inteko rusange ifite inshingano zikurikira:

The General Assembly has the following responsibilities:

L'Assemblée générale a les attributions suivantes :

1°kwemeza no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza ngenganyitwarire;

1° adoption and amendment of the statutes and internal regulations;

1° adopter et modifier les statuts et le règlement d'ordre intérieur ;

2°gushyiraho no kuvanaho uhagarariye mu rwego rw'amategeko n'umusimbura we;

2° appointment and revocation of the legal representative and her Deputy;

2° nommer et révoquer la représentante légale et son Adjointe;

3°gushyiraho no gukuraho abagize Komitenyobozi, abagize Komite y'ubugenzuzi bw'imari n'abagize komite ishinze gukemura amakimbirane;

3° appointment and revocation of the members of the Executive committee, members of the financial audit committee and members of the conflicts resolution committee;

3° nommer et révoquer les membres du Comité exécutif, les membres de la comité d'audit financier et les membres du comité de résolution des conflits ;



Onwelu

Signature

西本桂子

Signature

4^o kugena ibikorwa bya MNDA Rwanda, cyane cyane igenamigambi n'igenamikorere ya buri mwaka;

5^o kwemerera guhagarika no kwirukana umunyamuryango;

6^o gutegura ingengo y'imari no kwemeza imiterere ya konti ya buri mwaka;

7^o kwakira impano n'indagano;

8^o gusesa Umuryango.

4^o. Determination of activities of the MNDA Rwanda, especially the strategic plan and the annually plan of action;

5. Admission, suspension and exclusion of a member;

6. Establishment of budgetary predictions and approval of annual accounts;

7. Acceptance of donations and legacy;

8. Dissolution of the Organization.

4^o déterminer les activités du MNDA Rwanda, spécialement le plan stratégique et le plan d'action annuel ;

5^o admettre, suspendre ou exclure un membre ;

6^o établir les prévisions budgétaires et approuver les comptes annuels ;

7^o accepter des dons et legs ;

8^o dissoudre l'Organisation.

Ingingo ya 13: Inama isanzwe y'Inteko rusange

Inteko rusange iterana mu nama isanzwe nibura rimwe mu mwaka. Itumizwa mu nyandiko, igatumizwa n'uhagarariye Minisiteri yo mu rwego rw'amategeko cyangwa mu gihe adahari, igatumizwa n'umusimbura we.

Mu gihe abo bayobozi bombi badahari, Inteko rusange itumizwa ku bwumvikane bw'abanyamuryango 2 bakuru mu myaka.

Article 13 : Ordinary meeting of the General Assembly

The ordinary meeting of the General Assembly is held at least once a year. It is convened by written invitation by the Legal Representative of the Organization, or in her absence, by her deputy.

In case of absence of both managers the General Assembly shall be convened by agreement of the two oldest members.

Article 13 : Réunion ordinaire de l'Assemblée générale

La réunion ordinaire de l'Assemblée générale est tenue au moins une fois par an. Elle est convoquée par écrit, à l'initiative de la Représentante Légale ou, en cas d'absence, de la Représentante légale Adjointe.

En cas d'absence des deux dirigeants, l'Assemblée générale est convoquée par accord des deux membres les plus anciens en âge.

Owakenen  : 西本 桂子  

Mu gihe habaye impamvu idasanzwe, inteko rusange itumizwa ku bwumvikane bwa bibili bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango. Urwandiko rutumiza inama, rugaragaza ingingo ziri ku murongo w'ibizigwa, rwoherezwa mu minsi cumi n'itanu 15 mbere y'inama.

Kugira ngo Inteko rusange iterane, igomba kuba ihuje bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango.

Iyo umubare usabwa utagezeho, inam isanzwe y'Inteko rusange yongera gutumizwa mu buryo buteganywa n'aya mategeko shingiro mu gihe cy'iminsi icumi (10).

Imyanzuro ifashwe n'Inama rusange yatumijwe bwa kabiri igira agaciro uko umubare w'abanyamuryango bitabiriye inama waba ungana kose. Inama rusange yiga gusa ku ngingo zashyizwe ku murongo w'ibyigwa wa mbere.

Imyanzuro y'inama rusange ifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abanyamuryango bitabiriye inama.

In case of special event, the General Assembly is convened validly consent by two-thirds (2/3) of the members. The letter of invitation determining the agenda must be sent fifteen (15) days before the meeting.

The quorum for the General Assembly meeting must be at least two-thirds (2/3) majority of the members.

If this quorum is not reached, the Ordinary meeting of the General Assembly has to be reconvened in the manner prescribed by these statutes within ten (10) days.

Decisions taken by the General Assembly convened for the second time are valid whatever the number of members present. The General Assembly discusses only on the items of the previous agenda.

Decisions of the General Assembly shall be taken by simple majority of members present.

En cas d'événement spécial, l'Assemblée Générale est convoquée valablement par accord des deux tiers (2/3) des membres. La lettre de convocation mentionnant les points à l'ordre du jour doit être expédiée quinze jours avant la réunion.

Pour siéger valablement, l'Assemblée Générale doit réunir au moins la majorité des deux tiers (2/3) des membres.

Si ce quorum n'est pas atteint, la réunion ordinaire de l'Assemblée Générale est convoquée à nouveau selon les formes prescrites par les présents statuts, dans un délai de dix (10) jours.

Les décisions prises par l'Assemblée générale convoquée pour la seconde fois sont valables quel que soit le nombre des membres présents. L'Assemblée générale ne statuera que sur les points portés à l'ordre du jour précédent.

Les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité simple des voix des membres présents.

amabanyamuryango : 西本桂子  

Ingingo ya 14: Inama idasanzwe y'Inteko rusange

Iyo hari ibibazo by'ingenzi kandi byihutirwa, inama idasanzwe y'Inteko rusange itumizwa mu buryo bumwe n'ubukurikizwa mu gutumiza inama isanzwe.

Inama idasanzwe ishobora gutumizwa inshuro zose bibaye ngombwa, ariko ntishobora kwiga ku ngingo zitashyizwe ku murongo w'ibygwa. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bitabiriye inama.

Akicro ka 2: Komite nyobozi

Ingingo ya 15: Abagize Komite nyobozi n'imikorere yayo

Umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» uyoborwa na Komite nyobozi igizwe n'abantu bakurikira:

1° Umuyobozi akaba ariwe uhagarariye Umuryango mu rwego rw'amategeko:

Article 14: Extraordinary meeting of the General Assembly

In case of important and urgent issues, the extraordinary meeting of the General Assembly is convened following the same procedure applied for the ordinary meeting.

The extraordinary meeting may be convened as many times as necessary, but may only deal with items on the agenda. Its decisions are taken by a majority of two thirds (2/3) of the members present.

Sub-section 2: Executive Committee

Article 15: Composition of the Executive Committee and its functioning

The organization «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» is governed by the Executive Committee composed of:

1° a President who is the legal representative of the Organization;

Article 14: Réunion extraordinaire de l'Assemblée générale

En cas de questions importantes et urgentes, la réunion extraordinaire de l'Assemblée générale est convoquée selon la même procédure que celle applicable à la réunion ordinaire.

La réunion extraordinaire peut être convoquée autant de fois que nécessaire, mais ne peut traiter que les points portés à l'ordre du jour. Ses décisions doivent être prises à la majorité des deux tiers (2/3) des membres présents.

Sous-section 2 : Comité exécutif

Article 15 : Composition du Comité exécutif et son fonctionnement

L'organisation des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» est administrée par un Comité exécutif composé par :

1° une Présidente qui est la représentante légale de l'Organisation;

Amelana

Amelana

西本桂子

Amelana

Amelana

2° Umuyobozi wungirije ari na we uhagarariye Minisiteri yo mu rwego rw'amategeko wungirije;	2° a Vice President and Deputy Legal Representative.;	2° une Vice-présidente et représentante légale Adjointe.
3° Umunyamabanga ushinze imari;	3° an Accounting Secretary;	3° une Secrétaire Comptable;
4° Abajyanama babiri (2).	4° two Advisors.	4° deux (2) Conseillères.
Abagize Komite nyobozi batorwa n'Inama rusange. Manda ni imyaka itanu (5) ishobora kongerwa rimwe gusa.	Members of the Executive Committee are elected by the General Assembly for a term of office of five (5) years renewable only once.	Les membres du Comité exécutif sont élus par l'Assemblée Générale pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une seule fois.
Inshingano z'ugize Komite nyobozi ntabwo zihemberwa.	The functions of the member of the Executive Committee do not give rise to any remuneration.	Les fonctions du membre du Comité exécutif ne donnent lieu à aucune rémunération.
Komite nyobozi iterana nibura kabiri mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, ku butumire bw'umuyobozi wayo.	The Executive Committee meets at least twice a year and whenever necessary upon invitation of its President.	Le Comité exécutif se réunit au moins deux fois par an et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président.
<u>Ingingo ya 16: Inshingano za komite nyobozi</u>	<u>Article 16: Responsibilities of the Executive Committee</u>	<u>Article 16 : Attributions du Comité exécutif</u>
Komite nyobozi ifite inshingano zikurikira:	The Executive Committee has the following responsibilities:	Le Comité exécutif a les attributions suivantes :
1° kuyobora ibikorwa bya buri muni by'Umuryango;	1° ensure the day to day management of the Organization;	1° assurer la gestion quotidienne de l'Organisation ;


: 西本桂子



2° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inteko rusange, by'umwihariko ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi n'ingengo y'imari;

3° gutegura inama z'Inteko rusange.

Komite nyobozi iyoborwa n'uhagarariye Umuryango mu rwego rw'amategeko, usimburwa n'uyihagarariye mu rwego rw'amategeko wungirije, iyo atabonetse.

Ingingo ya 17: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umwe mu bagize Komite nyobozi

Haseguriwe ibiteganywa n'amategeko abigenga mu Rwanda, kugira ngo umuntu yemererwe kuba uhagarariye MNDA Rwanda mu rwego rw'amategeko, umukandida agomba kuzuba ibisabwa n'amategeko shingiro y'Ababikira b'aba "Missionnaires de Notre-Dame des Anges", nk'umuryango mpuzamahanga, cyane cyane, kuba afite ubushobozi, uburambe n'ubwitange bihagije kandi bikwiriye mu buzima bw'iyobokamana.

2° following-up the implementation of decisions of the General Assembly, especially implementation of the action plan and budgetary provisions;

3° preparing meetings of the General Assembly.

The Executive Committee is chaired by the Legal Representative of the Organization replaced by the Deputy Legal Representative in case of absence.

Article 17: Criteria to be member of the Executive Committee

Subject to provisions of Rwandan relevant legislation, to be appointed on the post of legal representative of MNDA Rwanda, a candidate must fulfill requirements provided for by the Constitution of the "Missionnaires de Notre-Dame des Anges", as international organization, especially, sufficient and necessary competences, experience and commitment in the religious life.

2° faire le suivi de la mise en œuvre des décisions de l'Assemblée générale, en particulier de l'exécution du plan d'action et des prévisions budgétaires ;

3° préparer les réunions de l'Assemblée Générale.

Le Comité exécutif est présidé par la Représentante légale de l'Organisation, remplacée par la Représentante légale Adjointe en cas d'absence.

Article 17 : Critères d'acquisition de la qualité de membre du Comité exécutif

Sous réserve des dispositions de la législation rwandaise en la matière, pour être nommée aux fonctions de Représentante légale, la candidate doit remplir les conditions stipulées par la Constitution des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges» entant qu'organisation internationale, spécialement, avoir les compétences, l'expérience et l'engagement suffisants et nécessaires dans la vie religieuse.

owakwem  : 西本 桂子  

Uhagarariye MNDA Rwanda mu rwego rw'amategeko agomba kandi kuba yashyizweho n'Inteko rusange.

The legal representative of MNDA Rwanda must also be appointed by the General Assembly.

La représentante légale du MNDA RWANDA doit également être nommée par l'Assemblée générale.

Abandi bashaka kujya muri Komite nyobozi bagomba kuba bujuje ibisabwa n'amategeko ngengamikorere ya MNDA Rwanda, bakemezwa n'Inteko rusange.

Other persons to be members of the Executive Committee must fulfill conditions set forth by rules and regulations of MNDA Rwanda, and be appointed by the General Assembly.

Les autres personnes désireuses d'être membres du Comité exécutif doivent remplir les conditions énoncées dans les règlements d'ordre intérieur du MNDA Rwanda et être nommées par l'Assemblée générale.

Ingingo ya 18: Impamvu zituma umuntu atakaza kuba umwe mu bagize Komite nyobozi

Article 18: Reasons for loss of membership of the Executive Committee

Article 18 : Motifs pour perdre la qualité de membre du Comité exécutif

Umwe mu bagize Komite nyobozi atakaza ubuyobozi ku cyemezo cy'Inteko rusange iyo:

A member of the Executive Committee loses its status of leader by decision of the General Assembly, if she:

Un membre du Comité exécutif perd sa qualité de dirigeante par décision de l'Assemblée générale, si elle:

1° atacyuzuzwa inshingano ze;

1° no longer fulfills her responsibilities.

1° ne remplit plus ses fonctions;

2° atacyuzuzwa kimwe mu bisabwa byashyingiweho ahabwa inshingano; cyangwa

2° no longer meets one of the eligibility requirements;

2° ne remplit plus l'une des conditions d'admissibilité ;

3° akoreye ikosa rikomeye ubuzima bw'Umuryango.

3° causes serious prejudice to the life of the Organization.

3° cause un préjudice grave à la vie de l'Organisation.



onwalarame

[Signature]

西本桂子

[Signature]

[Signature]

Akiciro ka 3: Komite y'ubugenzuzi bw'imari n'umugenzuzi wo hanze

Sub-section 3: Financial audit committee and external auditor

Sous-section 3 : Comité d'audit financier et auditeur externe

Ingingo ya 19: Komite y'ubugenzuzi bw'imari

Article 19: Financial audit committee

Article 19 : Comité d'audit financier

Komite y'ubugenzuzi bw'imari ni urwego ngishwanama rufite inshingano yo gutanga ibitekerezo ku bibazo byose bifitanye isano n'imari, cyane cyane ibijyanye n'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari n'uko umutungo uhagaze.

The Financial audit committee is a consultative organ with responsibility to provide opinions on any financial matters, especially matters regarding budget preparation and implementation, as well as financial statements.

Le comité d'audit financier est un organe consultatif chargé de donner des avis sur toutes questions financières, notamment en rapport avec l'établissement et l'exécution du budget, ainsi que les états financiers.

Komite y'ubugenzuzi bw'imari igizwe n'abantu batatu (3) bashyirwaho n'Inteko rusange kuri manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

The Financial audit committee is composed of three (3) members appointed by the General Assembly for a term of office of three (3) years renewable.

Le comité d'audit financier est composé de trois (3) membres nommés par l'Assemblée générale pour un mandat de trois (3) ans renouvelable.

Komite y'ubugenzuzi bw'imari iterana mbere ya buri nama ya Komite nyobozi ikiga ku bibazo by'imari n'umutungo. Iyoborwa n'uhagarariye MNDA Rwanda mu rwego rw'amategako wungirije.

The Financial audit committee meets before each Executive Committee meeting to discuss finance and property related issues. It is chaired by the Deputy legal representative of MNDA Rwanda.

Le comité d'audit financier se réunit avant chaque réunion du Comité exécutif pour discuter de questions relatives aux finances et aux biens. Il est présidé par la Représentante légale Adjoint du MNDA Rwanda.

owakromu



西本桂子



Ingingo ya 20: Umugenzuzi wo hanze

Imicungire y'imari n'umutungo bya MNDA Rwanda igenzurwa n'umugenzuzi wo hanze ushyirwaho na Komite nyobozi imutoranyije mu bantu bashoboye kandi bafite uburambe mu muryango mpuzamahanga « Missionnaires de Notre-Dame des Anges ».

Ubutumwa bw'umugenzuzi wo hanze washyizweho hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bukorwa ku mafaranga y'umutungo wa MNDA Rwanda.

Akiciro ka 4: Komite ishinze gukemura amakimbirane n'uburyo ikoresha**Ingingo ya 21 : Komite ishinze gukemura amakimbirane**

Komite ishinze gukemura amakimbirane igizwe n'abantu batatu (3) batorwa n'Inteko rusange hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere ya MNDA Rwanda. Ishinze gukemura amakimbirane yose avutse hagati y'abanyamuryango b'Umuryango.

Article 20: External auditor

The management of finance and property of MNDA Rwanda is supervised by an external auditor, appointed by the Executive Committee from the competent and experienced persons of the international organization "Missionnaires de Notre-Dame des Anges".

The assignment of the external auditor appointed in accordance with provisions of Paragraph one of this Article is performed on the expenses of MNDA Rwanda.

Sub-section 4: Conflict resolution Committee and applied mechanisms**Article 21: Conflict Resolution Committee**

The Conflict Resolution Committee is composed of three members elected by the General Assembly in accordance with provisions of internal rules and regulations of MNDA Rwanda. It is responsible for resolving any conflict between members of the Organization.

Article 20 : Auditeur externe

La gestion des finances et des biens est supervisée par un auditeur externe, choisi par le Comité exécutif parmi les personnes compétentes et expérimentées de l'organisation internationale « Missionnaires de Notre-Dame des Anges ».

La mission de l'auditeur externe choisi conformément aux dispositions de l'alinéa premier de cet du présent article est effectuée sur les frais du MNDA Rwanda.

Sous-section 4: Comité de résolution des conflits et mécanismes appliqués**Article 21 : Comité de résolution des conflits**

Le Comité de résolution des conflits est composé de trois membres élus par l'Assemblée générale conformément aux dispositions des règlements d'ordre intérieur du MNDA Rwanda. Il est chargé de résoudre tout conflit entre les membres de l'Organisation.

Owalandu

[Signature]

西本 桂子

[Signature]

[Signature]

Iyo Komite ishinze gukemura amakimbarane igejweho ikibazo cy'amakimbarane, iterana mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira itariki y'iyakira ry'ikibazo kugira ngo igifatire umwanzuro.

Icyakora, itumijwe na Perezida wayo, Komite ishinze gukemura amakimbarane igejweho ikibazo cy'amakimbarane iterana rimwe mu mezi atandatu (6) kugira ngo yige ku mibanire y'abagize Umuryango, mu rwego rwo gukumira amakimbarane.

Ingingo ya 22: Uburyo bwo gukemura amakimbarane

Buri munyamuryango na buri rwego rwa MNDA Rwanda bashobora gushyikiriza Komite ishinze gukemura amakimbarane, impamvu yose yabangamira ubumwe no guhuza by'abanyamuryango n'iby'inzegez'Umuryango.

Komite ishinze gukemura amakimbarane ikoresha uburyo bushyira imbere ibiganiro n'ibisubizo bishingiye ku mishyikirano, mu nzira z'ubwumvikane, ubuhoza ndetse n'ubwunzi.

Kwiyambaza inkiko zibifitiye ububasha bikorwa gusa ku bw'amaburakindi.

When the Conflict Resolution Committee is seized with a conflict situation, it meets within fifteen (15) days from the date of the referral to decide on the matter.

However, upon invitation by its President, the Conflict Resolution Committee holds a meeting once a semester to review the social life of the Organization with a view to preventing conflictual tensions.

Article 22: Conflict resolution mechanisms

Every member and every organ of the MNDA Rwanda may submit to the Conflict Resolution committee, a case affecting the unity and harmony of members and/or organs of the Organization.

The Conflict Resolution committee uses techniques that emphasize dialogue and amicable solutions by way of compromise, mediation and conciliation.

The recourse to competent jurisdictions is adopted only in exceptional cases.

Lorsque Comité de résolution des conflits est saisi d'une situation conflictuelle, il se réunit endéans quinze (15) jours qui suivent la date de la saisine pour statuer sur la matière.

Cependant, sur convocation de son Président, le Comité de résolution des conflits tient une réunion statutaire une fois par semestre pour examiner la vie sociale de l'Organisation en vue de prévenir toute tension conflictuelle.

Article 22: Mécanismes de résolution des conflits

Chaque membre et chaque organe du MNDA Rwanda peut soumettre au Comité de résolution des conflits un cas portant atteinte à l'unité et à l'harmonie des membres de l'Organisation et/ou de ses organes.

Le Comité de résolution des conflits recourt aux techniques qui privilégient le dialogue et les solutions à l'amiable, par voie de compromis, de médiation et de conciliation.

Le recours aux juridictions compétentes n'est adopté qu'à titre exceptionnel.



owakuramu

[Signature]

西本桂子

[Signature] Paurena

UMUTWE WA V: UMUTUNGO WA MNDA RWANDA

Ingingo ya 23: Umutungo wa MNDA Rwanda n'inkomoko yawo

Kugira ngo umuryango «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» ugere ku ntego zawo, ugira umutungo ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa MNDA Rwanda ukomoka kuri ibi bikurikira:

- 1° umusanzu w'abanyamuryango;
- 2° inkunga z'abafatanyabikorwa;
- 3° ibituruka ku mirimo ikora;
- 4° inguzanyo zihabwa MNDA Rwanda;
- 5° impano n'indagano.

CHAPTER V: PROPERTY OF MNDA RWANDA

Article 23: Property of MNDA Rwanda and its sources

For the organization «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» to ensure the achievement of its objectives, it has property comprised of movable and immovable assets.

The property of MNDA Rwanda derives from the following sources:

- 1° contributions from its members;
- 2° partners' subsidies;
- 3° income from rendered services;
- 4° loans granted to MNDA Rwanda;
- 5° donations and bequests.

CHAPITRE V : PATRIMOINE DU MNDA RWANDA

Article 23: Patrimoine du MNDA Rwanda et ses sources

Pour que l'organisation des «Missionnaires de Notre-Dame des Anges au Rwanda» puisse atteindre ses objectifs, elle dispose d'un patrimoine composé de biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du MNDA Rwanda provient des sources suivantes:

- 1° les cotisations des membres;
- 2° subventions des partenaires
- 3° revenus des services prestés ;
- 4° prêts accordés au MNDA Rwanda ;
- 5° dons et legs.



Omwakuramu

Signature: 西本 桂子

Signature: Laurence